Umwaka wa 45 n° idasanzwe
yo kuwa 28 Mutarama 2006

Year 45 n° special
of 28 January 2006

45ème Année n° spécial
du 28 janvier 2006

Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda

Ibirimo/Summary/Sommaire

A. Itegeko/Law/Loi

N° 01/2006 ryo kuwa 24/01/2006
Itegeko rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara.....

N° 01/2006 of 24/01/2006
Law establishing the organisation and functioning of Province……

N° 01/2006 du 24/01/2006
Loi portant organisation et fonctionnement de la Province……

B. Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel

N° 02/01 ryo kuwa 28/01/2006
Iteka rya Perezida rigena abakozi ba Leta bakora imirimo ya noteri, icyicaro n'ifasi by'ibiro bya noteri.....

N° 02/01 of 28/01/2006
Presidential Order designating government officers to serve as notaries, head office and jurisdiction of notarial areas……..

N° 02/01 du 28/01/2006
Arrêté Présidentiel portant désignation des agents de l'Etat pour remplir les fonctions de notaire, le nombre, le siège et le ressort des offices notariaux……

ITEGEKO Nº 01/2006 RYO KUWA 24/01/2006 RIGENGA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'INTARA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 16 Ukuboza 2005;
Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 10 Mutarama 2006;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 62, iya 88, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95**,** iya 108, iya 113, iya 118, iya 121, iya 167 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 29/2005 ryo kuwa 31/12/2005 rigena inzego z'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda;

Isubiye ku itegeko n° 43/2000 ryo kuwa 29/12/2000 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE :IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere :

Iri tegeko rigena imitunganyirize n'imikorere by'Intara.

Ingingo ya 2:

Intara ni urwego rw'imitegekere y'Igihugu cy'u Rwanda. Ubuyobozi bwayo buhagarariye ubutegetsi bwa Leta. Ifite ubwigenge mu micungire y'Ingengo y'Imari yayo.

Ingingo ya 3:

Intara igabanyijemo Uturere dufite ubuzimagatozi. Utwo Turere dushyirwaho n'Itegeko.

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE INSHINGANO Z'INTARA

Ingingo ya 4:

Intara ifite inshingano zikurikira :

1° guhuza ibikorwa by'igenamigambi ry'Uturere;
2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki z'Igihugu mu Turere tuyigize;
3° kwita ku bikorwa byo kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INZEGO Z'UBUYOBOZI BW'INTARA

Ingingo ya 5:

Intara ifite inzego z'ubuyobozi eshatu (3) zikurikira:

1° Komite Mpuzabikorwa;
2° Guverineri;
3° Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 6 :

Komite Mpuzabikorwa ishobora gutumira umuntu wese yifuza kugira icyo imubaza, byaba ari kuyungura ibitekerezo cyangwa mu rwego rw'umutekano. Uwo muntu nta ruhare agira mu ifatwa ry'ibyemezo.

Ingingo ya 7:

Komite Mpuzabikorwa igizwe n'abantu bakurikira:

1° Guverineri w'Intara ari na we muyobozi wa Komite Mpuzabikorwa;
2° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara ari na we mwanditsi wayo;
3° Abayobozi b'Uturere tugize Intara;
4° Abahagarariye imirimo ya Leta ku rwego rw'Intara;

5° Abayobozi bashinzwe guhuza inzego z'imirimo ku rwego rw'Intara;
6° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Intara;
7° Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rw'Intara.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bemerewe gukurikirana imirimo ya Komite Mpuzabikorwa y'Intara ariko ntibatora mu ifatwa ry'ibyemezo.

Icyiciro cya mbere: Ibyerekeye Komite Mpuzabikorwa y'Intara: inshingano n'imikorere

Akiciro ka mbere: Ibyerekeye inshingano za Komite Mpuzabikorwa y'Intara

Ingingo ya 8:

Komite Mpuzabikorwa y'Intara ifite inshingano zikurikira :

1° kugira inama Guverineri w'Intara mu ifatwa ry'ibyemezo birebana no gushyira mu bikorwa politiki rusange ya Leta;
2° kwemeza gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'Intara no kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;
3° kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda yemejwe;
4° gufasha Guverineri w'Intara guhuza gahunda y'ibikorwa by'Uturere na gahunda rusange ya Leta**.**

Akiciro ka 2: Ibyerekeye imikorere ya Komite Mpuzabikorwa y'Intara

Ingingo ya 9 :

Inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Intara itumizwa kandi ikayoborwa na Guverineri w'Intara.

Iyo adahari asimburwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 10:

Komite Mpuzabikorwa y'Intara iteranira ku cyicaro cy'Intara cyangwa ahandi hose hemejwe na Komite Mpuzabikorwa, inshuro imwe mu mezi atatu mu nama isanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama idasanzwe.

Gutumiza abagize Komite Mpuzabikorwa y'Intara bikorwa mu nyandiko yohererezwa buri muntu aho akorera. Ubutumire bw'abagize Komite Mpuzabikorwa bugomba kujyana na gahunda y'ibizigwa mu nama kandi bigakorwa hasigaye nibura

iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo inama iterane. Icyakora, iyo ari inama idasanzwe, icyo gihe nticyubahirizwa.

Abagize Komite Mpuzabikorwa badashoboye kuza mu nama bagomba kumenyesha umuyobozi wayo impamvu ikomeye ibabujije.

Ingingo ya 11 :

Komite Mpuzabikorwa y'Intara iterana iyo hari bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize . Iyo uwo mubare wa ngombwa utagezweho, inama ishyirwa ku wundi munsi noneho igaterana n'aho uwo mubare wa ngombwa waba utuzuye. Iyi nama ntishobora ariko guterana igihe abayobozi b'Uturere bayijemo batageze kuri bibiri bya gatatu (2/3) by'Abayobozi b'Uturere tugize iyo Ntara.

Ingingo ya 12:

Ibyemezo bya Komite Mpuzabikorwa bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abaje mu nama . Iyo ubwumvikane butabonetse, ibyemezo bifatwa binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abahari.

Ingingo ya 13 :

Inyandikomvugo n'ibyemezo by'Inama ya Komite Mpuzabikorwa y'Intara bishyirwaho umukono na Guverineri w'Intara n'Umwanditsi. Byohererezwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, ba Minisitiri babishinzwe n'abandi bose bireba kugira ngo bisuzumwe. Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagenerwa kopi. Ba Minisitiri babishinzwe batanga amabwiriza ya ngombwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi; Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze akabimenyeshwa. Iyo icyo gihe kirangiye ntacyo babivuzeho, ibikubiye mu nyandiko bohererejwe bishyirwa mu bikorwa n'Intara.

Ingingo ya 14:

Komite Mpuzabikorwa y'Intara ishobora kwiremamo amatsinda y'igihe gito kugira ngo yige ibibazo bishobora gusuzumwa na yo. Muri icyo gihe, Komite Mpuzabikorwa y'Intara ishyiraho umuyobozi wa buri tsinda hanyuma na ryo rikitoramo umwanditsi.

Ingingo ya 15:

Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, akoresheje iteka, ashyiraho amategeko ngengamikorere ya Komite Mpuzabikorwa y'Intara.

Icyiciro cya 2: Ibyerekeye Guverineri w'Intara: amategeko amugenga, ububasha n'imirimo ashinzwe

Akiciro ka mbere: Ibyerekeye amategeko agenga Guverineri w'Intara

Ingingo ya 16:

Guverineri w'Intara ni intumwa ya Leta mu Ntara kandi ni we ushinzwe guhuza ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano z'Intara.

Guverineri w'Intara akuriwe na Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Ingingo ya 17 :

Guverineri w'Intara ashyirwa mu mirimo n'Iteka rya Perezida byemejwe n'Umutwe wa Sena. Avanwa ku mirimo ye n'Iteka rya Perezida byemejwe n'Inama y'Abaminisitiri.

Ingingo ya 18:

Ibigenerwa Guverineri w'Intara bishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 19 :

Imyaka Guverineri amara mu buyobozi bw'Intara ibarwa mu kuzamurwa mu nzego cyangwa mu ntera iyo agarutse mu mirimo ya Leta yakoraga cyangwa yimuriwe mu yindi mirimo ya Leta.

Ingingo ya 20:

Iyo Guverineri w'Intara avuye ku mirimo ye nta cyaha kerekeye imirimo yari ashinzwe kimuhama, akomeza guhabwa buri kwezi ibyo yagenerwaga mu gihe cy'amezi atandatu (6) uvanyemo ibyo yahabwaga mu rwego rwo kumworohereza akazi.

Iyo ahinduriwe umurimo agahabwa undi murimo wa Leta mbere y'amezi atandatu (6), ntacyo agenerwa kindi kuva igihe atangiriye guhembwa.

Akiciro ka 2: Ibyerekeye ububasha n'imirimo bya Guverineri w'Intara

Ingingo ya 21:

Guverineri w'Intara ashinzwe ibi bikurikira :

1° kuyobora inzego z'imirimo ya Leta ku Ntara;
2° kugenzura ko ibyemezo byafashwe n'Uturere bitanyuranyije n'amategeko

n’amabwiriza rusange agenga Igihugu ;

3° kubungabunga umutekano w’abantu n’ibintu mu Ntara;

4° kumenyesha ubuyobozi bukuru bw’Igihugu uko Intara iteye n’ikiyibayemo cyose gikwiye kwitabwaho ;

5° gutanga raporo zikenewe n’izisabwa ku byerekeye imitegekere y’Intara;

6° guhagararira Leta ku rwego rw’Intara irega cyangwa iregwa;

7° gutumiza no kuyobora inama ya Komite Mpuzabikorwa y’Intara;

8° gutumiza no kuyobora inama z’umutekano;

9° gukurikirana imishyikirano Uturere tugize Intara tugirana n’inshuti zo mu mahanga n’uburyo amasezerano y’ubucuti ashyirwa mu bikorwa;

10° kugena aho amadosiye n’izindi nyandiko byinjira mu Ntara bikwiye gutangwa;

11° gushyikirana n’inshuti zo mu mahanga zifasha Intara;

12° gukurikirana imikorere y’imiryango idaharanira inyungu n’amashyirahamwe bikorera mu Ntara;

13° gukora indi mirimo yasabwe n’inzego zimuyobora no gutunganya indi mirimo yose iteganywa n’amategeko.

Ingingo ya 22:

Guverineri w’Intara ahuza rimwe mu gihembwe n’igihe cyose bibaye ngombwa mu nama, Komite Nyobozi na Biro y’Inama Njyanama by’Uturere tugize Intara, kugira ngo barebere hamwe imikorere y’inzego z’ibanze kandi azigire inama.

Iyo nama ibera mu muhezo kandi Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Intara ni we mwanditsi wayo.

Ibyifuzo by’inama yahuje Guverineri n’abagize Komite Nyobozi na Biro z’Inama Njyanama by’Uturere byohererezwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw’Igihugu mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) inama iteranye.

Ingingo ya 23 :

Guverineri w’Intara akurikirana imikorere y’Uturere n’izindi nzego z’ibanze ariko ntavuguruza ibyemezo byafashwe keretse iyo binyuranyije n’amategeko n’amabwiriza rusange agenga Igihugu .

Ingingo ya 24 :

Guverineri w’Intara, amaze kubyumvikanaho na Komite Mpuzabikorwa kandi atanyuranyije n’amategeko n’amabwiriza ariho, ashobora kwitabaza Polisi y’Igihugu kugira ngo igarure umutekano rusange igihe wahungabanye no gutanga amabwiriza y’ubutegetsi n’ayo kurinda amahoro.

Iyo byihutirwa , Guverineri w'Intara ashobora gutanga ayo mabwiriza akayashyikiriza Komite Mpuzabikorwa mu nama ikurikira kugira ngo iyemeze. Ayo mabwiriza ahita ata agaciro iyo atemejwe na Komite Mpuzabikorwa.

Ingingo ya 25 :

Guverineri w'Intara afashwa mu mirimo ye n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi.

Ingingo ya 26 :

Guverineri w'Intara ashobora guha umwe mu bakozi b'Intara bumwe mu bubasha bwe, abikoreye inyandiko kandi abyishingiye.

Ingingo ya 27:

Iyo Guverineri w'Intara akuwe ku mirimo ashinzwe nta cyaha akurikiranyweho kandi mbere yari umukozi wa Leta, Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo imusubiza mu mirimo hakurikijwe amategeko agenga abakozi ba Leta.

Icyiciro cya 3 : Ibyerekeye Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 28:

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Intara bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bashyirwaho hakurikijwe amategeko abigenga.

Abakozi b'Intara bagengwa n'amategeko agenga abakozi ba Leta.

Ingingo ya 29:

Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bari ku rwego rw'ubuyobozi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Abandi bakozi b'Intara bashyirwaho kandi bavanwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze.

Akiciro ka mbere: Ibyerekeye Umunyamabanga Nshingwabikorwa

Ingingo ya 30 :

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe ibi bikurikira **:**

1° gutanga amabwiriza ku bakozi b'Intara, guhuza no kugenzura ibikorwa byabo;

2° gutegura igenamigambi ry'Intara no gukurikirana uko rishyirwa mu bikorwa;
3° gusuzuma amadosiye n'izindi nyandiko zigomba kwemezwa cyangwa gushyirwaho umukono na Guverineri w'Intara ;
4° gukurikiranira hafi iyinjira n'isohoka ry'amafaranga ku rwego rw'Intara no guha Guverineri w'Intara raporo;
5° gukurikiranira hafi imirimo ikorerwa mu Ntara;
6° gukurikiranira hafi imikoreshereze y'umutungo w'Intara no guha Guverineri w'Intara raporo;
7° gukurikiranira hafi itangwa ry'amasoko ku rwego rw'Intara;
8° gukurikiranira hafi imishinga ikorerwa mu Ntara no kugenzura imishinga ya Leta ihakorerwa;
9° kwita ku ikoranabuhanga n'ubumenyi by'abakozi, kuyobora amahugurwa y'abakozi no kongera ubushobozi bwabo;
10°gukurikiranira hafi ishyirwaho rya gahunda y'imirimo mu Ntara n'itegurwa rya za raporo;
11° kuyobora inama y'abashinzwe guhuza imirimo ku Ntara n'iy' abakozi bose;
12° gusimbura Guverineri w'Intara iyo adahari;
13° kuba umwanditsi wa Komite Mpuzabikorwa y'Intara;
14° kuyobora no guha amanota ku rwego rwa mbere abakozi b'Intara ;
15° gukora undi murimo wose yahabwa na Guverineri w'Intara ujyanye n'inshingano z'Intara.

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa adahari, Guverineri w'Intara ashyiraho umusimbura by'agateganyo mu bakozi bari ku rwego rw'ubuyobozi.

Ingingo ya 31:

Mu mirimo ye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa agenzurwa na Guverineri w'Intara.

Ingingo ya 32:

Umushahara n'ibindi Umunyamabanga Nshingwabikorwa ahabwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Akiciro ka 2: Ibyerekeye abandi bakozi b'Intara

Ingingo ya 33:

Inshingano z'abandi bakozi b'Intara zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE KOMITE Y'UMUTEKANO

Ingingo ya 34:

Hashyizweho Komite y'Umutekano mu Ntara. Abayigize, imikorere n'inshingano byayo bigenwa n'Iteka rya Perezida.

UMUTWE WA V : IBYEREKEYE UBUYOBOZI BW'INTARA

Ingingo ya 35 :

Intara ifite ubuyobozi bwihariye. Imitunganyirize y'imirimo y'Intara ishyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Ku byerekeye imirimo y'ibigo bigengwa na Leta mu Ntara, Guverineri amenyesha abayobozi babihagarariye icyashobora guhungabanya ibifite akamaro rusange, akabyunguranaho ibitekerezo na bo, byananirana akabigeza kuri Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze na Minisitiri ureberera ikigo.

Ingingo ya 36:

Ubutumire bw'inama zitumirwamo Guverneri w'Intara bunyuzwa kuri Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Ubutumire bw'inama zitumirwamo abakozi bo ku Ntara bwohererezwa Guverineri w'Intara, Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze akabimenyeshwa.

Izindi nyandiko z'akazi hagati y'ubuyobozi bw'Intara n'izindi nzego z'ubutegetsi ku rwego rw'Igihugu zimenyeshwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Ingingo ya 37:

Inyandiko z'akazi hagati y'Umuyobozi w'Akarere na Guverineri w'Intara zimenyeshwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Inyandiko z'akazi hagati ya ba Guverineri b'Intara cyangwa hagati ya Guverineri w'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali zimenyeshwa Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze.

Inyandiko z'akazi hagati ya Guverineri w'Intara n'Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda cyangwa inyandiko z'akazi hagati ya Guverineri w'Intara n'Abahagarariye Imiryango Mpuzahanga mu Rwanda zinyuzwa kuri Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, na we akabicisha kuri Minisitiri ufite Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu nshingano ze, akazikorera inyandiko zizohereza.

Ingingo ya 38 :

Ibyemezo by'akazi binyuranyije n'amategeko bifatwa na Guverineri w'Intara biregerwa mu Nkiko ziburanisha imanza z'ubutegetsi.

Impaka zivuka hagati ya Guverineri w'Intara n'abaturage zikemurwa n'Inkiko zibifitiye ububasha.

UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 39:

Itegeko n° 43/2000 ryo kuwa 29/12/2000 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 40 :

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 24/01/2006

Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)

Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage
MUSONI Protais
(sé)

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Prof. NSHUTI Manasseh
(sé)

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
El Hadj BUMAYA André Habib
(sé)

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera
MUKABAGWIZA Edda
(sé)